# Bibiliya y'abana
irerekana

# Yona n'ifi nini



yanditswe na: Edward Hughes

yashushanyijwe na: Jonathan Hay
Alastair Paterson


yahujwe na: Mary-Anne S.

yahinduwe na: Margaret Mbabazi


yasohowe na: Bible for Children
www.M1914.org

©2026 Bible for Children, Inc.
Ufite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi nkuru
igihe cyose utagamije kugurisha.

Hashize imyaka myinshi, hari umugabo wo muri Isirayeli witwaga Yona. Umunsi umwe, Imana yamusabye kujya i Nineve, umugi munini kandi ukomeye kuruta iyindi ku isi.




Yona yagombaga kuburira abo bantu bose ko Imana yari izi ububi bwabo.




Yona yasuzuguye Imana! Aho kugira ngo Yona ajye i Nineve, yafashe ubwato bwajyaga i Tarushishi.


Nuko Uwiteka yohereza umuyaga mwinshi mu nyanja. Hari inkubi y'umuyaga ikaze!  Abasare batinyaga ko ubwato bushobora gusenyuka bukajya mu mazi.




Umuyaga warushijeho kuba mubi.  Abasare batewe ubwoba, basenga imana zabo bajugunya imizigo yose kugira ngo borohereze ubwato.  Ariko nta kintu cyafashije.




Yona ni we wenyine wari utarasenga. Ahubwo yari aryamye mu nkuge hasi cyane, aryamye asinziriye cyane. Nuko umutware w'inkuge aza aho ari aramubaza ati "Wabaye ute wa munyabitotsi we? Byuka utakire Imana yawe, ahari Imana yawe yatwibuka ntiturimbuke."



Abo basare ntibatinze kubona ko Yona ari we wari wabateje icyo cyago. Yababwiye ko yahungaga Uwiteka. Baramubaza bati "Tugire dute ngo inyanja iduturize?" Kuko inyanja yiyongeranyaga kwihinduriza. Arabasubiza ati "Nimunterure munjugunye mu nyanja, na yo irabaturiza, kuko nzi yuko iyi shuheri yabateye ari jye ibahora."



Abasare ntibashatse kujugunya Yona mu nyanja. Nuko bakoresha imbaraga zabo zose kugira ngo bakure ubwato ku nkombe. Ariko ntibababishobora. Hari ikintu kimwe gusa cyo gukora!




Nyuma yo gusenga basaba imbabazi, bazamuye Yona bamujugunya ku kuruhande. Mu gihe Yona yari arimo arohama mu mazi, inyanja yaratuje maze umuyaga uratuza.



Ihinduka
ritunguranye
ry'ikirere
ryatumye
abasare
bagira ubwoba
cyane kurusha
uko bari babitewe n'inkubi
y'umuyaga. Bagomba kuba
bari bazi ko Imana yonyine
ari yo yashoboraga
kubikora. Batinya
Imana kandi
barayihimbaza.




Hagati aho, intumwa itumvira yatunguwe cyane.  Yona yari azi ko nta kintu na kimwe cyashoboraga kumurinda kurohama. Na we yashoboraga kurohama, ariko Imana yari ifite izindi gahunda.



Uwiteka ategeka urufi runini rumira Yona, Iyo fi yaje ku gihe!  Urufi rwamize rimwe ava mu nyanja ajya mu nda y'urufi, maze Yona amara mu nda y'urufi iminsi itatu n'amajoro atatu.  Yari afite igihe gihagije cyo gutekereza no gusenga.



Nyuma y'iminsi itatu, Yona yasezeranyije kumvira Imana. Imana yahise ibwira iyo fi ngo ijugunye Yona ku nkombe.



Maze ijambo ry'Uwiteka rigera kuri Yona ubwa kabiri riramubwira riti, “Haguruka ujye i Nineve wa murwa munini, uwuburire imiburo nzakubwira.” Icyo gihe noneho, Yona yaragiye!


Yona yinjira mu mudugudu avuga cyane ati “Hasigaye iminsi mirongo ine, maze Ninivi hakarimbuka”.



Abantu b'i Nineve bizeye ibyo Imana yari yababwiye.  Bahise biyiriza ubusa kandi bambara ibigunira kugira ngo bagaragarize Imana ko bicujije ibyaha byabo.  Umwami na we yicishije bugufi imbere y'Imana.  Yavuye ku ntebe ye y'ubwami, yambara ibigunira kandi yicara mu ivu.  Yategetse abantu bose kureka inzira zabo mbi n'urugomo rwabo, no gusenga basaba ko Uwiteka yababababarira.




Imana yatubabariye! Bigomba kuba byarabaye umunsi mwiza w'ibyishimo i Nineve igihe abantu bamenyaga ko Imana y'ababababariye.
... Ariko umuntu umwe yararakaye cyane. Yona!



Kuki Yona yarakaye? Yabwiye Imana ati "nzi yuko uri Imana y'ibambe n'imbabazi, itinda kurakara, ifite kugira neza kwinshi." Mu yandi magambo, Yona yari azi ko buri gihe Imana ibabarira abantu bihana ibyaha byabo kandi bagakurikiza Ijambo ryayo. Uko bigaragara, Yona ntiyakundaga abantu b'i Nineve. Ntiyashakaga ko bababarirwa.

Yona yarakariye Imana cyane ku buryo yavuze ati: “Unkureho ubuzima bwanjye; kuko urupfu ruruta ubuzima.”



Yona yari yicaye inyuma y'umudugudu, ategereje kureba icyo Imana iri bukore.  Imana yaremye igiti gifite amababi manini.  Cyakuze vuba cyane, maze kimuha igicucu umunsi wose.



Bukeye bwaho, Imana yohereje inyo, zirya icyo giti. Hanyuma Imana yateje umuyaga mwinshi cyane, maze Yona atangira gutekereza ko agiye gupfa. Ibyo byose byatumye Yona arushaho kurakara.




Uwiteka abaza Yona ati "Mbese urabikwiriye kurakara bene aka kageni?" Wumvise ubabariye uwo muzabibu utari warakoreye kandi utari warateye. Ni byo yavutse mu ijoro rimwe,
agapfa mu ijoro rimwe.


“Kuki ntagomba kugirira imbabazi Nineve, uwo mujyi ukomeye, ufite abantu ibihumbi?”

Yona n’ifi nini

inkuru yo mu Ijambo ry’Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

Yona

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana umucyo."
Zaburi 119:130

Iherezo

Iyi nkuru itubwira iby'Imana yacu
nziza yaturemye kandi ishaka ko tuyimenya.

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, yita icyaha. Igihano cy'icyaha ni urupfu, ariko Imana iragukunda cyane kuburyo yohereje umwana wayo w'ikinege, Yesu, apfira ku musaraba maze ahanwa kubw'ibicumuro byawe. Hanyuma Yesu arazuka, ajya mu rugo mu ijuru! Niba wizera Yesu kandi ukamusaba imbabazi z'ibyaha byawe, azabikora! Azaza, abe muri wowe, kandi uzabana nawe ubuzira herezo.

Niba ushaka kuva mu byaha byawe, bwira Imana uti:
Ku nshuti yanjye Mana, Nizera ko Yesu ari jye yapfiriye kandi ko uyu munsi ari muzima. Ndakwinginze ngwino mu buzima bwanjye, mbabarira ibyaha byanjye, kugira ngo none aha mbashe kubona ubuzima bushya, kandi umunsi umwe nzaze kubana nawe ubuzira herezo. Mfasha kukumvira no kubaho ku bwawe nk'umwana wawe. Amina.

Soma Bibiliya maze uvugane n'Imana buri munsi! Yohani 3:16